No 221 Juin 2019

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZEMEJE GAHUNDA Y'IBIKORWA MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2019-2020

### Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo

Ku wa gatanu tariki ya 14/6/2019, Komisiyo Ihoraho y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo,yarateranye iyobowe na Perezida wayo, Madamu MUTIMUKEYE Nicole.

Umuyobozi w'inama, yatangiye ashimira abayitabiriye, abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo:

- Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo yo ku wa 17 /5/2019;
- Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro,mu mwaka wa 2019- 2020;
- Kugezwaho insanganyamatsiko y'ikiganiro ngarukamwaka kizanyura kuri Radiyo ku munsi mukuru w'ubwigenge, tariki ya 01/7/2019.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo yo ku wa 17/5/2019; abagize Komisiyo barayemeje bamaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, abagize Komisiyo biyemeje kuzakora ibikorwa bikurikira:

- Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019;
- Kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo mu kiganiro ngarukamwaka kizanyura kuri Radiyo ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda, tariki ya 01 Nyakanga 2019;
- Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro ziteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, zikazagezwa kuri Biro y'Ihuriro;
- Gukurikirana imitegurire n'ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa y'abashinzwe Imbuga za Internet z'Imitwe ya Politiki;
- Amahugurwa ku Ubuhanga bwo gukoresha no gukurikirana imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki no kuzimenyekanisha hifashishijwe imbuga nkoranyambaga;
- Gutegura amahugurwa ku ikoranabuhanga nk'urubuga rw'ubwisanzure muri politiki: ibyiza n'imbogamizi(ICT for freedom of expression and political space:Benefit and challenges);
- Gutegura inama nyunguranabitekerezo y'Abayobozi Bakuru mu Mitwe ya Politiki ku Ubuhanga bwo gutegura no gutangaza ubutumwa bwa Politiki;
- Gukurikirana itegurwa rya Film mbarankuru (Film documentaire) ku bikorwa by'Ihuriro;
- Gutegura amahugurwa ku buryo bw'Ihanahanamakuru mu Mutwe wa Politiki ("Training on effective communication within political party - Inter party dialogue);
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri "*NFPO Communication Strategy";*
- Gushishikariza Imitwe ya Politiki kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 26 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Ibindi bikorwa byakwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha.

Ku ngingo yo gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro,mu mwaka wa 2019- 2020; Nyuma yo kungurana ibitekerezo no kureba uburemere bwa buri nsanganyamatsiko y'ikiganiro n'agaciro kacyo ku buzima bw'Igihugu, abari mu nama basanze ingingo zose zatekerejweho zikwiye kuganirwaho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro. Izo nsanganyamatsiko ni izi zikurikira:

1. Politiki n'ingamba z'Igihugu mu kunoza imiturire no gukoresha neza ubutaka;
2. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kubungabunga ibidukikije no kurwanya ibiza;
3. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gutoza Abanyarwanda kwizigamira no kwiteza imbere;
4. Politiki n'ingamba zo guteza imbere ikoranabuhanga n'itumanaho mu rwego rwo gutanga serivisi nziza: ibipimo biteganyijwe n'aho tugeze;
5. Akamaro ku ibarurishamibare mu igenamigambi no mu iterambere ry'Igihugu;
6. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ubukerarugendo no gukurura abashoramari;
7. Ikiganiro ku cyerekezo cy'u Rwanda mu 2050 / "Vision 2050": ibiteganyijwe n'ingamba zihari;
8. Ikiganiro ku iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire mu Rwanda: ibyagezweho, imbogamizi, n'ingamba;
9. Imiyoborere y'u Rwanda twifuza.

### Komisiyo ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego

Ku wa gatanu tariki ya 18.06.2019, Komisiyo ihoraho y'Ihuriro ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanya n'izindi nzego, yarateranye iyobowe n'Umuyobozi wayo, Honorable NYIRAHIRWA Veneranda. Yashimiye abayitabiriye, akomeza abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo:

- Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo yo ku wa 15/5/2019;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
- Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego, mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 - 2020;
- Ibindi.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo yo ku wa 15/5/2019, abari mu nama bemeje inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo yo ku wa 15 / 5/2019 bamaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Ku ngingo yo gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama ibikubiye muri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 -2020. Yavuze ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Ihuriro riteganya gukora ibikorwa binyuranye bijyanye n'inshingano zaryo bikubiye mu nkingi eshatu z'ingenzi zikurikira:

A. Guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki n'ubumwe bw'Igihugu;

B. Kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa politiki;

C. Guteza imbere Ihuriro no gutanga serivisi nziza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakomeje avuga ko inkunga yizewe, Ihuriro riteganya kubona ari miliyoni magana ane na mirongo ine n'indwi, ibihumbi magana atatu na cumin na bitanu na magana atandatu na mirongo ine n'umunani (447,315, 648Frw).

## Komisiyo ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nze-

Ku bijyanye n'imbogamizi Ihuriro ryahuye nazo mu gutegura ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yavuze ko hari amasezerano y'ubufatanye ategurwa hagati ya UNDP n'Ihuriro atarashyirwaho umukono ngo hamenyekane ingano y'inkunga izatangwa n'uko izakoreshwa. Ikindi ni uko hari ibikorwa bitarabonerwa ingengo y'imari kandi Ihuriro ribona ko ari ingirakamaro, bityo ibiganiro n'abafatanyabikorwa bikaba bikomeje.

Mu kwanzura kuri iyi ngingo, abari mu nama bashyigikiye Umushinga w'ingengo y'imari w'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka wa 2019-2020.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego, mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 – 2020, abari mu nama bagejejweho, ibikorwa by'ingenzi Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Gahunda, Ibikorwa n'Ubufatanye n'Izindi nzego izitaho mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020. Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

- Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019 no mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2019 – 2020;
- Gutegura amahugurwa y'Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro;

Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa (IDEA, UNDP, ………………………………..);

- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa ya Youth Political Leadership Academy ( Icyiciro cya 16 cya Kigali – Musanze) n'amahugurwa ya IPLP na WPLP;
- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa ya 3rd Summer School for Youth Cadres of Political Parties, azashyirwa mu bikorwa ku bufatanye na African Union na IDEA International.

## INAMA YA KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Ku wa kane tariki ya 20/6/2019, Inama idasanze ya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, yarateranye; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal.

Umuyobozi w'inama yakomeje ageza ku bayitabiriye ingingo yari ku murongo w'ibyigwa ariyo gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020.

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Komisiyo yemeje ko izita ku bikorwa bikurikira:

- Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019;
- Gukomeza kuvugurura Igitabo cy'Uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro;
- Gutegura amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara: Amahugurwa ku Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki; n'Amahugurwa ku Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo;
- Gusuzuma no gutanga inama ku bibazo byavuka hagati y'Imitwe ya Politiki cyangwa hagati y'abayoboke b'Umutwe wa politiki, mu gihe babisabye Ihuriro;
- Gukurikirana ituburwa n'itangwa ry'Udutabo tw'Indangamyitwarire ku Mitwe ya Politiki;
- Gukurikirana amahugurwa ashyirwa mu bikorwa na Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki hifashishijwe Imfashanyigisho yateguwe n'Ihuriro;
- Gutanga inama ku bibazo bivutse hagati y'Imitwe ya Politiki cyangwa mu Mutwe wa Politikimu gihe wabisabye;

Nyuma yo kugezwaho ibikorwa biteganyijwe, abari mu nama barabisuzumye, barabinoza bemeza ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye n'ibitekerezo batanze.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YEMEJE UMUSHINGA W'IGENAMIGAMBI RY'IBIKORWA BY'IHURIRO N'UW'INGENGO Y'IMARI YABYO

*Ku wa kane, tariki ya 27 Kamena 2019, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKABUNANI Christine.*

Iyi nama yari igamije gusuzuma no kwemeza "*Umushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro n'uw'ingengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari 2019/2020*".

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro wagejeje ku Nama Rusange uyu mushinga, yagaragaje ko, ibikorwa byateguwe hashingiwe ku igenamigambi ry'igihe kirekire ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (2016- 2021),

Avuga ko iri genamigambi rishingiye ku ngamba z'ibikorwa zikurikira:

*- Guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki,*
*- Kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki;*
*- Guteza imbere Ihuriro no gutanga serivisi nziza.*

Agaruka kuri buri ngamba, yavuze ko,

- Ku ngamba yo guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki n'ubumwe bw'igihugu, bimwe mu bikorwa biteganyijwe harimo:

- Gutegura inama z'Inama Rusange buri gihembwe;
- Gutegura inama ngarukakwezi za Biro;
- Gutegura inama zisanzwe za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro ziterana inshuro imwe mu mezi abiri (2);
- Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo n'amahugurwa ku nsanganyamatsiko zijyanye na demokarasi ishingiye ku bwumvikane, iterambere ry'umwuga wa politiki; uburere mboneragihugu n'ingamba zo gukumira no gukemura amakimbirane
- Gushishikariza Imitwe ya Politiki kwitabira ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 26 no kwibuka abanyapolitiki bishwe mu gihe cya Jenoside;
- Guteza imbere amahame y'indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki n'uburere mboneragihugu

- Ku ngamba yo kubaka ubushobozi bw'imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki ibikorwa biteganijwe ni:

Gutera inkunga imishinga y'amahugurwa agamije kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro;

- Gukomeza kongera ubushobozi bw'abagore bari mu Mitwe ya politiki hakorwa amahugurwa abashishikariza kwitabira umwuga wa politiki, kugira uruhare mu iterambere ry'Umutwe wa politiki barimo no gukomeza gutuma urwego rw'abagore (Women wing) mu buyobozi bw'Umutwe wa politiki rukora;
- Gutegura amahugurwa y'abayobozi b'Imitwe ya Politiki ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya politiki ;
- Gutegura amahugurwa y'urubyiruko muri politiki ku rwego rw'Umujyi wa Kigali n'Intara Y'Amajyaruguru/Icyiciro cya 16;
- Gutegura amahugurwa yo ku rwego mpuzamahanga azahuza abahagarariye urubyiruko rwo mu Mitwe ya politiki mu Rwanda n'ururuturuka mu Mitwe ya politiki yo mu bihugu bimwe bya Afurika birimo Rwanda, Guinea Conackry, Cameroon, Ghana na Zimbabwe;
- Gutegura inyandiko y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'igihe kirekire igamije kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki (*Capacity development strategy for political parties* );
- Gutegura imfashanyigisho kuri zimwe mu nsanganyamatsiko z'iterambere ry'Imitwe ya politiki zizakoreshwa mu mahugurwa atandukanye ategurwa n'Imitwe ya Politiki (ihame ry'uburinganire, amahame remezo,….);

Gukomeza kwishyura ifatabuguzi ryo kubika imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki.

- Naho ku ngamba yo guteza imbere ihuriro no gutanga serivisi nziza bimwe mu bikorwa biteganijwe ni:

- Gutegura inyandiko z'ingamba z'Ihuriro mu rwego rw'iterambere rirambye;
- Gukomeza ivugururwa ry'igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro;
- Gushakira abakozi amahugurwa nyongerabumenyi ajyanye n'inshingano zabo;
- *Kugura ibikoresho byangombwa byo mu biro;*
- *Gukomeza kongera abafatanyabikorwa b'Ihuriro kugira ngo haboneke amikoro afasha Ihuriro gushyira mu bikorwa Plan Strategique yaryo no gutegura imishinga igezwa ku bafatanyabikorwa batandukanye;*
- *Gukodesha ibiro by'Ihuriro.*

Abari mu nama y'Inama Rusange bemeje igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro n'ingengo y'imari by'umwaka w'ingengo y'imari 2019/2020 bamaze kungurana ibitekerezo.